REPUBULIKA Y'U RWANDA

Gatsibo, kuwa 19/06/2017
No ...977.../07.05.03/01/M

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA GATSIBO
B.P. 36 NYAGATARE
Gatsibodistrict@gatsibo.gov.rw

OFFICE DE L'OMBUDSMAN
DATE DE RECEPTION: Le 28/6/2017
SIGNATURE:

Pour réception
Date... 29 JUIN 2017
Signature

Madamu Umuvunyi Mukuru – Kigali

**Impamvu**: Kubagezaho raporo ku bikorwa by'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane ku rwego rw'Akarere

Madamu Muvunyi Mukuru,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa ngirango mbagezeho raporo ku bikorwa by'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane ku rwego rw'Akarere

Ku mugereka w'iyi baruwa murahasanga raporo ku buryo burambuye.

Eastern Province
For reception
Date 06 JUL 2017
Signature

Mugire amahoro.

AKARERE KA GATSIBO
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE - UMURIMO - GUKUNDA IGIHUGU

**GASANA Richard**

Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo

GATSIBO DISTRICT COUNCIL
RECEPTION STAMP
6/07/2017 ... SIGNATURE

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu- **Kigali**
- Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba - **Rwamagana**
- Bwana Perezida w'Inama Njyanama mu Karere ka Gatsibo
- Bwana/Madamu Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo wungirije (**Bose**)

**RAPORO KU MAHUGURWA Y'URUBYIRUKO KU KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE**

Mu Karere ka Gatsibo Kuwa 19/05/2017 muri salle y'Akarere ka Gatsibo habereye amahugurwa y'urubyiruko akaba yarayobowe n'umuyobozi wungirije w'Inama Ngishwanama yo kurwanya Ruswa n'Akarengane mu Karere ka Gatsibo **Bwana Spt KABERA Eric** mu rwego rwo kurwanya Ruswa n'Akarengane. Aya mahugurwa akaba yarahawe insanganayamatsiko igira iti **"Uruhare rw'Urubyiruko mu Kurwanya Ruswa N'Akarengane"** Amahugurwa yatangiye saa tuta zuzuye za mugitondo (9:00 a.m)

Umuyobozi wungirije w'Inama Ngishwanama yo kurwanya Ruswa n'Akarengane mu Karere ka Gatsibo yagaragarije abitabiriye amahugurwa ko icyambere bagomba gukora ari ukurwanya Ruswa n'Akarengane kandi bica mu nzira nyinshio kugirango bibe, yongeyeho ko ibiyobyabwenge birimo kwangiza urubyiruko aho yagaragaje ko ruswa iri mu bituma ibiyobyabwenge bibona aho bica byinjira mu gihugu ndetse no mu karere. Kubera izo mpamvu hemeranijwe ko imiyoborere myiza itagerwaho urubyiruko rutayigizemo uruhare, urubyiruko rurasabwa rero kwigisha ububi bwa ruswa aho baba hose ndetse bagakangurira abantu kuyirinda kuko iba isoko y'akarengane. Abitabiriye amahugurwa bagaragarijwe amategeko ahana ruswa ndetse basabwa no gukangurira abandi kubyirinda bitaraba.

**Ibiganiro byatanzwe:**

- ✓ **Icyerekezo cy'urubyiruko mu kurwanya ruswa nAkarengane**
- ✓ **uruhare rw'Indangagaciro z'umuco Nyarwanda mu kurwanya ruswa n'akarengane**

## A. ICYEREKEZO CY'URUBYIRUKO MU KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE

Umwanditsi w'Inama Ngishwanama yo kurwanya Ruswa n'Akarengane akaba n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gatsibo Madamu **NANKUNDA Jolly,** yatangiye agaragaza icyerekezo kiza cy'urubyiruko rwishyize hamwe mu kurwanya ruswa n'akarenga mu karere, yongeyeho ko urubyiruko nk'imbaraga z'igihugu bagomba kwigira ku rugamba rwo kubohora igihugu rwakozwe n'abari bakiri bato kandi bafite intego yo gutsinda, bityo ko bagomba kurangwa n'ishayaka ryo kugera ku ntego zo kurwanya

ruswa n'Akarengane. Urubyiruko rugomba kubumbatira ubumwe kandi rugaharanira ko ntawabaca hagati ashaka gusenya ibimaze kugerwaho kuko bafite imbaraga kandi bagomba kuzikoresha mu kubaka igihugu.

Aya mahugurwa akaba yari yitabiriwe n'Intumwa y'Urwego rw'Umuvunyi Madamu **KAYUMBA Tharcille** , akaba yaganirije abari mu mahugurwa ku mpamvu Urwego rw'Umuvunyi rwifashisha urubyiruko mu bikorwa byo kurwanaya ruswa, Abasobanurira ko " **igiti kigororwa kikiri gito**" bityo baba bakeneye ingufu zitarasarikwa na ruswa kandi urubyiruko ari icyerekezo cy'ejo hazaza

Muri aya mahugurwa, urubyiruko rwagaragarijwe igenamigambi ry'umwaka wa 2017 ku bikorwa byo kurwanya ruswa n'Akarengane mu Karere ka Gatsibo aho basabwe kugaragara mu bikorwa byose birwanya ruswa n'Akarengane kandi bakabigiramo uruhare rugaragara batangira amakuru ku gihe mu rwego rwo kubikumira bitaraba.

## B. URUHARE RW'INDANGAGACIRO Z'UMUCO NYARWANDA MU KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE


Abitabiriye amahugurwa bahawe ikiganiro **"uruhare rw'Indangagaciro z'umuco Nyarwanda mu kurwanya ruswa n'akarengane**" cyatanzwe na Madamu **UMFUYISONI Bernadette** akaba n'umutahira w'Intore mu karere yatangiye agaragaza ko indangagaciro zitunga agatoki kirazira n'ibindi byose bikwiye kwirindwa kuko muri za kirazira harimo ruswa n'Akarere anongeraho ko umuntu utarwanya ruswa n'Akarerngane aba adafite indangagaciro zikwiye umunyarwanda, yagarutse ku mbaraga z'igihugu kandi zubaka ariwo rubyiruko akaba ari mpamvu dushyize hamwe twarwanya ruswa n'akarengane igacika burundu. Hagaragajwe ko indangagaciro z'u Rwanda kurya Ruswa kizira kandi nta ntore igira indangagaciro yo kurya ruswa



Umuyobozi wungirije w'Inama Ngishwanama yo kurwanya Ruswa n'Akarengane hamwe n'urubyiruko rwitabiriye amahugurwa




Umuyobozi wungirije w'Inama Ngishwanama yo kurwanya Ruswa n'Akarengane aganirira abitabiriye amahugurwa





Umuyobozi wungirije w'Inama Ngishwanama yo kurwanya Ruswa n'Akarengane hamwe n'intumwa y'Urwego rw'Umvunyi bari bari kungurana ibitekerezo n'abitabiriye amahugurwa



Umwanditsi w'Inama Ngishwanama yo kurwanya Ruswa N'Akarengane aganirira abitabiriye amahugurwa ku cyerekezo cy'urubyiruko mu kurwanya ruswa n'Akarengane



Intumwa y'urwego rw'umuvunyi Madame KAYUMBA Tharcille aganira n'abitabiriye amahugurwa




Abitabiriye amahugurwa

Muri aya mahugurwa habayemo ikiganirompaka

- ✓ Uruhande rumwe rwagaragazaga ko urubyiruko rubishatse ruswa yacika burundu
- ✓ Urundi ruhande rugaragaza ko ruswa itacika,

Mu kiganiro mpaka cy'uru rubyiruko bose nyuma yo kugaragaza ingingo bari gushingiraho, bashoje bafashe umwanzuro ko hatabayeho gushyira hamwe nta cyashoboka gukorwa, bityo bemeranywa ko bagomba kurwanya icyasenya icyo bagezeho kandi gushyira hamwe barwanya ruswa n'Akarengane babigize intego.

| | |
|---|---|
| **Biteguwe na** | **Byemejwe na** |
| **NANKUNDA Jolly**<br>Umwanditsi w'Inama Ngishwanama yo kurwanya Ruswa n'akarengane mu Karere ka Gatsibo | **ERIC KABERA**<br>Umuyobozi Wungirije w'Inama Ngishwanama yo kurwanya Ruswa n'akarengane mu Karere ka Gatsibo |